Jya wemera gukosorwa wicishije bugufi

Dawidi na Batisheba—Igice cya 2

Amabwiriza: Korera uyu mwitozo ahantu hatuje. Mu gihe usoma imirongo ya Bibiliya, ujye umera nk'aho urimo ureba ibyabaye. Sa n'ureba uko ibintu byari byifashe. Gerageza kumva amajwi ajyaniranye n'ibyo bintu. Gerageza kwiyumva nk'uko abantu b'ingenzi bavugwa muri iyo nkuru biyumvaga. Sa n'ubona ko ibivugwa muri iyo nkuru birimo biba.

Abantu b'ingenzi bavugwamo: Dawidi na Natani

Ibivugwamo muri make: Dawidi yababariwe icyaha gikomeye ariko yagombaga kugerwaho n'ingaruka zacyo zikomeye.

1 SESENGURA UKO IBINTU BIRIMO BIGENDA. —SOMA MURI 2 SAMWELI 12:1-24.

Ukurikije uko ubyumva, Natani yari ameze ate?_____

Wumvise yarakoresheje ijwi rimeze rite igihe yatangaga urugero rw'umukene n'akagazi k'intama?_____

Wumvise ijwi rye ryahindutse rite igihe yatangiraga gusobanura urugero rwe ageze ku murongo wa 7-9?_____

2 KORA UBUSHAKASHATSI.

Kuki Natani agomba kuba yarafashe umwanya munini wo gutekereza mbere yo kujya kureba Dawidi?

Utekereza ko ari ukubera iki Natani yakoresheje urwo rugero ngo afashe Dawidi gutekereza?_____

Ni ubuhe buryo Natani yakoresheje ngo afashe Dawidi kwiyumvisha akarengane kari kabaye, kandi se kuki ubwo buryo ari bwo bwagize icyo bugereho kuruta uko yari guhatira Dawidi kwatura icyaha cye?_____

Bishobora gusa n'aho Yehova yihutiye kubabarira Dawidi. (*Ongera usome umurongo wa 13.*) Ariko se iyo Yehova yitegereza abantu ni iki abona twe tudashobora kubona?_____

Kuki wumva ko ingaruka zageze kuri Dawidi zari zikwiriye? (*Ongera usome umugongo wa 10-12, 14.*)_____

www.jw.org © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3 UMWITOZO.

Andika ibyo wize ku birebana no . . .

Kwicisha bugufi. _____

_____

Ingaruka z'icyaha. _____

_____

Imbabazi za Yehova. _____

_____

4 IBAZE UTI

Ni ryari nigeze kugirwa inama cyangwa gucyahwa? _____

_____

Nakora iki ngo ubutaha nzitware neza mu gihe nkosowe? _____

_____

Kuki kugirwa inama cyangwa gucyahwa ari ikimenyetso kigaragaza urukundo rwa Yehova? (IBISUBIZO: Soma mu Baheburayo 12:5, 6.)

_____

_____

Muri iyi nkuru, ni irihe somo rindeba by'umwihariko, kandi kuki? _____

_____

_____

Undi mwitozo: Tekereza mu bundi buryo. Andika uko byari kugenda iyo Dawidi aza guhakana icyaha cye kandi agashaka no guhana Natani. Yehova yashoboraga kumucira urubanza rumeze rute?

JW.ORG™

Jya kuri www.jw.org/rw ucape iyi PDF

www.jw.org © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania